**REPUBLIC OF RWANDA**

**NATIONAL PUBLIC PROSECUTION AUTHORITY**

**ORGANE NATIONAL DE POURSUITE JUDICIAIRE**

**UBUSHINJACYAHA BUKURU**

**P.O. Box : 1328 KIGALI-RWANDA**

**E-mail :** info@nppa.gov.rw **Web site :** www.nppa.gov.rw

# ITANGAZO RY'AKAZI

Ubushinjacyaha Bukuru buramenyesha abanyarwanda bose babyifuza kandi bujuje ibyangombwa bisabwa, ko bushaka gutanga akazi ku myanya y'umufasha w'Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye no ku Rwego rw'Ibanze.

Ubushinjacyaha Bukuru bushingiye ku ngingo ya 1, 2, 25 n'iya 26 z'Itegeko n°12/2016 ryo ku wa 02/05/2016 rihindura kandi ryuzuza Itegeko n°44bis/2011 ryo ku wa 26/11/2011, rigena Sitati y'Abashinjacyaha n'abandi bakozi bo mu Bushinjacyaha Bukuru, nk'uko ryavuguruwe kandi ryujujwe kugeza ubu, buramenyesha abifuza gupiganira iyo myanya ko bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyarwanda;

2. Kuba afite impamyabumenyi mu by'amategeko ''bachelor's degree in law'';

3. Kuba ari inyangamugayo;

4. Kuba atarigeze yirukanwa mu mirimo yakoze bitewe n'uko yakoresheje uburiganya, yataye umurimo cyangwa se yanze kuwugarukaho yari yarahagaritswe ku murimo by'igihe gito cyangwa se atarawugarutseho igihe yari abisabwe;

5. Kuba atarambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki;

6. Kuba atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kirenze cyangwa kingana n'amezi atandatu (6).

**Ibisabwa byihariye:**

1. Kuba bafite uburambe mu kazi nibura bw'umwaka umwe (1) mu by'amategeko ku bapiganira umwanya w'umufasha w'Ubushinjacyaha wo ku Rwego Rwisumbuye (intermediate level);

2. Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire.

**Dosiye z'abakandida kuri uwo mwanya zigomba kuba zigizwe n'ibi bikurikira:**

1. Ibaruwa isaba akazi yandikiwe Umushinjacyaha Mukuru;

2. Umwirondoro w'usaba akazi;

3. Kopi y'impamyabumenyi;

4. Kopi y'indangamuntu;

5. Icyemezo cy'uburambe mu kazi nibura bw'umwaka umwe (1) mu by'amategeko ku bapiganira umwanya w'umufasha w'Ubushinjacyaha wo ku Rwego Rwisumbuye (intermediate level);

**Uburyo bwo kohereza dosiye isaba akazi:**

1. Buri dosiye yuzuye yoherezwa kuri email nppa.recruitment@nppa.gov.rw;

2. Dosiye yoherezwa inshuro imwe ikubiyemo inyandiko zose zisabwa, kandi ziri muri pdf;

3. Kwakira dosiye bizakorwa kugeza kuwa Gatatu tariki ya 21/12/2022 saa kumi n'imwe za nimugoroba.

Bikorewe i Kigali kuwa 09/12/2022

Digitally signed by
Havugiyaremye Aimable

**HAVUGIYAREMYE Aimable**
**Umushinjacyaha Mukuru**